

10/7/18

Ubutumwa bwa Padiri Jim.

Icyumweru cyo kubaha ubuzima . Dukomeze dusbirane muri twese twubaha ubuzima bwa buri wese mureke twese dusabirane

kuva tuvuka kugeza twitabye Imana . Mubyukuri twese tuvuka tungana imbere y'Imana niko bimeze Imbere y'Imana .

Tugasabira na Kiliziya yacu muri rusange . Nimureke dusenge Imana yacu rurema yo yaduhanze ikatwoherereza umwana wayo w'ikinege Yezu Kristu .

Abantu twese uko Imana yaturemye tugomba kumva uko twese tungana imbere y'Imana muri rusange kuko Imana ntabwo irenganya mubyukuri .

Iyo twese twishize hamwe tugasenga Imana tugafashanya n'ibyiza cyane muri rusange tugafashanya muri byose tukazamukira hamwe n'abandi ba Kristo .

Muri iyiminsi hari bamwe bajya basanga abantu basenya Kiliziya bitwazako hari bamwe mubihaye Imana bafata abana kandi batabigenewe . Reba kubona

baha Kiliziya ishusho mbi imbere y'uruhando rwandi madini ntabwo aribyiza kubona bagera aho bafata amadini muri icyo cyerekezo biragoye kutubona gutyo

Imana ihora ihoze burigihe Imana ntabwo ihana yihanukiriye ariko iyo ukoze nabi urabizira muri make nuko bimeze . Iyo umuntu ameze gutyo aba atameze neza

Iyo umuntu atameze neza hamwe n'abandi bamushira hamwe bakamuhana nguko uko umukristu mwiza yagombye kumera . Birababaje kubona bamwe mubakristu

bifata nabi ugasanga babaza bati, kuki abobantu batabahana muri rusange ngo bibere abandi intanga rugero . Abo bantu batanga ingero mbi kuri kiliziya yacu mubyukuri bagomba kujya

baba abantu bagombye guhabwa akato kuko Atari abantu beza babereye Kiliziya yacu ntatagifu muri rusange .Fasha bagenzi bawe utanga urugero rwiza Yezu Kristu yaduhaye . Iyo ufashije

mugenzi wawe bituma n'abandi bazamukiraho bigatuma buri wese yumva ameze neza muri rusange .

Kumenya uko umuntu amerewe niko byagombye kugennda kumenya amakuru y'amugenzi wawe uko amerewe . Nguwo umukristu mwiza.

Porogaramu y'abana , ni abana bafite hagati y'imyaka 10 na 12 na 13 kugeza kuri 18 ni kucyumweru z'ukwezi kwa 10 italiki ya 14,21,na 28.

Turashaka abakorera bushake bagomba gukora amasaha 3 cyangwa amasaha 4 mucyumweru kugirango mu kiliziya hahorane isuku burigihe .

Gukubura no Gukoropa hose ahafite umwanda mu Kiliziya hose .Ubikeneye wahamagara kuri 513-921-1044 ext 20.

Abandi bakorera bushake bakenewe ni abakora hariya hatangirwa ibiryo by'ubuntu kugirango bibashe kugera kubabikeneye vuba vuba.

ni Kuwagatanu gusa kuva sasita kugeza sakumi z'umugoroba . Umukorera bushake uyobora abandi kuva ku masaha 9 kugeza kuri 12.

Abumva babikeneye bagomba guhamagara kuri 513-921-1044. Murakoze . Amen.

